

**BIKIRA MARIYA ABONEKERA ANATALIYA MUKAMAZIMPAKA**  
**I KIBEHO TARIKI YA 3-9-1983**

Uwanditse ibi mugiyeye gusoma, yari ahibereye ubwe. Ibyavugwaga byose yabikurikiriye hafi. Na nyuma y'aho abyumva kuri cassette arabyandukura.

[ : Bivuga ko ari amagambo yo kuzirikana.

Aho musanga utumenyetso dusa dutya: ===== mumenye ko hari ijamba cyangwa interuro bibuze, kuko bitashoboye kumvikana neza igihe umwana ubonekerwa avugana n'umubonekera. Aho musanga utwo tumenyetso twambukiranyije uru rupapuro, mumenye ko ari ibirenze interuro imwe byahise bitumvikanye. ( ) Bivuga ko bitumvikanye neza, ariko ko nshishirije ari ibyo. Saa munani na 27 nibwo Natariya yaje gupfukama kuri rwa rutara babonekererwagaho. Saa munani n'igice aratwarwa, atangira kubonekerwa, aririmbira umubyeyi wari umubonekeye.

Indirimbo: Turakuramutsa Mubyeyi w'Imana.

- =====
- Isaha nari nkiyibuka, uwashoboraga kuyimbaza nayimubwiraga.
- ===== nta gihe tutifuzaga ijamba ryanyu usibye ko kurikurikiza ari byo bigoye.
- Nibyo byiza.
- Nari mbakumbuye cyane kubera ko duherukana kera.
- Ntabwo biba kwikiriza kuko byari byararangiyeye, ariko rero nifuzaga ko mwakongera kunyibutsa, kuko ibyo mwambwiye rimwe na rimwe nabyibagirwaga.
- Nta na rimwe bahwema kubivuga, ariko rero imvugo yacu nta na rimwe iba itunganye. Niyo mpamvu igihe muruzi tumeze nabi, mujye mutubabarira.
- Yewe ahari ni ukubera ko musigaye muza bitinze bigatuma rero amagambo muba mwatubwiye tuyibagirwa vuba.
- Ntabwo ari cyo tubereyeho, ariko kamere-muntu niyo itu=== igatuma twibagirwa.
- Ndayibuka. Ubushize yari iya mbere z'ukwa 9, naho ubungubu ni eshatu z'ukwa 9.
- Usibye ko rimwe nna rimwe bigera aho bikanyibagira, ariko rero ndacyabyibuka.
- Ndagerageza uko nshoboye.
- Ndabizi neza kandi si ubwa mbere mbimenye kuko igihe cyose dukunda kubibwirwa. Turabisoma cyangwa bakatubwira mu magambo.
- *Indirimbo: Mawe wahebuje bose.*
- *Ishapule: Anataliya adutereraishapule (amibukiro y'ikuzo). Irangiye akomeza atya:*
- ===== ku buryo ndashobora kubareba neza.

- Hari igihe mu rumena amaso, hari n'igihe muza mu rutamena amaso.
- Murakoze kuko mutumye nyivuga, ubundi ntabwo nari nabiboneye umwanya.
- Itariki mwari mwambwiye kugarukaho kuko kuva igihe mwabimbwiriye hari nimugoroba ko nzagaruka ku itariki 1/9. Nkaba ntazagira ahandi ngomba kujya mutampaye uruhushya. Ibyongibyo mwarabimbwiye ntabwo nigeze mbyibagirwa, kandi narushijeho kubitunganya uko mwari mwabimbwiye.
- Ubutumwa mwari mwampaye gukora muri iki kiruhuko cyose, nagerageje uko nshoboye kose ngo mburangize.
- Narabitunganyije.
- Nagerageje kumubwira uko bishobotse, gusa ndamubwira nti:“ ahasigaye ni ahawe no gusaba Umubyeyi imbaraga zo kubishobora.”
- Narabyishimiye kuko mwebwe mwari mwabitekereje n'uko mwabingejejeho nasanze ari uko ngomba kubyakira.
- Nk'uko nabibasezeranyije mbere na mbere tubonana, ko ICYO MUZANYIFUZAHO CYOSE N'ICYO MUZANTEGEKA CYOSE, NZAGERAGEZA KUBIRANGIZA, nibyo n'ejubundi nongeye kuba subiriramo.
- Jyewe ntabwo nabyifuzaga ariko igihe mubimbwiriye ko ARI UKO MUBISHAKA, NIBWO NDANGIJE UGUSHAKA KWANYU.
- Ntabwo AHO NARI NDI nashoboraga kurangiza ubutumwa mumpamagarira gukora. Kubera ko NTABONAGA UMWANYA WO GUSENGA UHAGIJE.
- Jyewe ntabwo nabibashoborera, kuko usibye Roho z'isi yose, n'inyanje ntabwo nayishoboraga.
- Ahari biraterwa n'UKO MUGENDA MUSEZERA, niyo mpamvu UKWEMERA KURIHO KUGENDA GUSUBIRA INYUMA: Bigatuma rero badakomeza kubona ubibutsa cyangwa se bakagira ibyo bajijinganyaho ntibagire ubasobanurira.
- Impamvu ahari ni uko muri iki gihe HAKUNDA KUBA IMYIDAGADURO MYINSHI, N'IBYISHIMO BYINSHI KURI BAMWE, mbese muri iki gihe: igihe turimo, abantu bakunda kucyita: “IGIHE CY'UMUNEZERO“. Ahari niyo mpamvu habamo IBICUMURO BYINSHI.
- Mwabivuze kenshi, ko KENSHI IYO UMUBIRI WACU WISHIMYE, ROHO YACU IRUSHAHO KUBABARA. Ubu nanjye ubwo MAZE IGIHE NISHIMYE, UBU ROHO YANJYE YARASHAVUYE.
- Ndetse ni uko MWARAYE MUNGIRIYE INAMA YO GUSHAKA PENETENSIYA, nanjye numvaga koko ROHO YANJYE ITAKAYE!
- Ariko usibye ko ntashoboye programu y'ibyo mwari mwambwiye mbere, ubundi ibyo mwambwiye nyuma nagerageje uko nshoboye, nyigaburira uko nshoboye.

- Niyo mpamvu nkomeza kubasaba umutima, wo kutavuga ngo NZAKURIKIZA UGUSHAKA KWANYU ===== CYANGWA SE NZABITABA KUBERA KO MURI AHA N’AHA.
- Yee, mwambwiye ko IGIHE CYOSE ISENGESHO RIKWIYE KUBA UMUTIMA WANJYE, NKAMENYA KO ARI WO NGOMBWA KUGIRA, KUGIRA NGO NGANIRE NAMWE.
- Ntabwo benshi bashobora kujijuka ngo bumve neza ko ISENGESHO ARI MU MUTIMA, kuko abenshi bakunda kuvuga bati: Tugomba kujya aha n’aha kuko ari ho hantu hatagatifu.
- Hariho ndetse n’uvuga ati: Jyewe nzasengera mu kiriziya iyi n’iyi; naho iriya yo ntabwo ari kiriziya yuzuye. Mbese ubu KUROBANURA kuri kuri buri kintu cyose.
- Ubundi muri iki gihe koko, NIHO IBICUMURO BYINSHI BIKUNDA KUBERA, ariko ntitwibuke ko, igihe umubiri wacu wishimye, ===== ndetse n’ibyago kenshi.
- Iiii, mwambwiye ko MUTAZANYWE N’UBUSA, MWAJE KUTUGORORA NO KUTWIBUTSA IBYO TWIBAGIWE, MUKABA MWARAJE KUTUVUGURURA NO KUTWEREKA INZIRA ZIBAGANA.
- Niko mbese umuntu abibona, wagira ngo mwazanywe no gushyira umwiryane mu bantu no gutandukanya abari bunze ubumwe, mbese no kuzana urugomo bitewe n’uko ari byo biriho ubungubu, kandi mukaba MUBITUBUZA.
- Ubungubu abo mubonana bese usanga kenshi batameranye neza. Ukagira ngo ntimuri UMWE, icyo muvuga se si KIMWE, icyo mwifuzaga se ntabwo ari KIMWE.
- Nk’umwana mukamubwira ijamba rimwe, undi mukarivuguruza, undi mukamubwira irindi, mbese, uteze amatwi akabura uko yabisobanura n’uko yabyifatamo bikamutera kujijinganya no gutinya ko ari ibinyoma. Kubera ko buri mwana avugaga ijamba rye, undi akarivuguruza.
- MWARABIVUZE narabyumvise, ariko nk’abantu batajya babyumva, ari UKUBIREBESHA AMASO GUSA nibo badasobanukirwa. Kandi biterwa n’uko tugira UKURAMBIRWA.
- Iyo umuntu abonye icyo umwana yaba akora, noneho akibuka nk’ijamba wavuze ko IBIRI KUMWE NAMWE BIZIGARAGAZA, rimwe na rimwe bimujyana mu binyoma, kandi byaba ari ukuri; cyangwa se bikamujyana mu kuri, kandi byaba ari ibinyoma.
- Nta wundi ufite guhita abisobanura vuba, N’UBWO UMUNTU YAKORESHA UBWENGE BWE BWOSE, AGAKORESHA UKO ASHOBOYE KWOSE MUTABIMUFASHIJEMO NTABWO AHITA ABYISOBANURIRA VUBA NK’UKO YABYIFUZAGA. NIMWE rero mureba UKURI AHO GUHEREREYE, mukaba muzi ICYOREKA ABANTU, n’icyashobora KUBAKIZA. Mujye mudufasha mudusobanurire.
- Ntabwo tubibona.
- ===== abana bane basa n’ababarwanira, umwe ari hariya undi ari hariya, umwe avugaga ibye n’undi avugaga ibye, kandi bavugaga ko ari mwebwe muri kumwe, ariko umwe akabaga agaya iby’undi, ndetse bakagira ubwo barwana mubireba, yabivugaho iki ? Nti cyangwa ===== .

- Ndacyabyibuka.
- Abenshi baracyibaza, nko muri iki gihe bakunze kubimbaza cyane, ariko rero ntabwo nahifashirizaga nk'uko mwari mwabimpaye, bitewe n'uko amagambo agenda ahindurwa ari menshi.
- Iyo umuntu umubwiye inkuru ayivuga..., ayisubiramo nk'uko utayimubwiye.
- NTABWO TUBIBONA N'UBWO MWATWEREKA MUTE, mbese abashobora kugira icyo bisobanurira nibo bakeya.
- Mwarabidusabye kenshi ko TUGOMBA GUSABA URUMURI, KO TUGOMBA GUSABA KENSHI UBUSHISHOZI N'UBWITONZI. Turabisaba ariko kenshi NTABWO TUBIBONERA IGIHE TUBYIFUZA.
- Ntabwo tuzagira ubwoba kandi nta n'ubwo tuzajya duhangayika cyane, kuko tuzi ko byose mubireba kandi mukaba muzi aho ukuri guherereye. Byose rero tuzajya tubishyira mu maboko yanyu. Ari ikitubereyemo urujijo, ari icyatunaniye kugisobanura, byose tujye tumenya ko muzi byose mubidusobanurire.
- Niba ari n'ibyo MWATANGIYE KUTUGARAGARIZA, twebwwe ntabwo tujya tubibona.
- Mujye muduha KUBIBONA, ARIKO CYANE CYANE MUNABYEREKA N'ABASHINZWE KUBIKURIKIRANA.
- Bitewe n'uko BABYIVUGIRA UBWABO BIYEMEZA KUZAGARAGARIZA AMASO YOSE ATEGEREJE IKIBAVA MU KANWA, MUJYE MUSHOBORA KUBAMURIKIRA BABONE AHO UKURI KURI, BABONE MBESE URUMURI RUHAGIJE, RUBABONESHHEREZA NEZA IBIRI KUMWE NAMWE.
- Ndabizi ko MWABYIVUGIYE KO MUTAZANYWE NO GUKOZA ISONI ISI, ariko mujye mushobora..., mujye mugerageza kutwereka URUMURI.
- N'ubwo mudusaba GUSENGA mukaba mudusaba KWICUZA, mukaba mudusaba GUKUNDANA nk'uko mubyivugira, ntabwo mubikurikiza uko tubibasaba, ariko mukirirwa mudusaba ngo TUBAKORERE IKI N'IKI, MUJYE MUTUBABARIRA. Twebwwe DUSHIMISHWA NO KUBASABA, ARIKO GUKURIKIZA IBYO MUTWIFUZAHO NI BUHORO BUHORO.
- Nkaba mbasabye ko tugomba KUBUMVA KURUTA UKO MWATWUMVA. ARIKO RERO KUBERA INTEGE NKEYA ZACU, NIFUZA KO MWATWUMVA HANYUMA NATWE TUKABUMVA.
- N'ubwo mwabidusabye bwose ntabwo nzi ko tubikurikiza. Kandi SI WOVE WENYINE GUSA UBIDUSABYE, IGIHE CYOSE YEZU YAKOMEJE KUBIDUSABA.
- Atubwira ko TUGOMBA GUKUNDANA IGIHE CYOSE KANDI KO NTA KINDI KIZATURANGA KITARI **URUKUNDO**.
- **DUSHIMISHWA NO KUMVA ARIKO GUKURIKIZA BIRATUGORA CYANE.**
- Ubungubu numva ko igihe cyose mwajya mutugenderera mukatubwira ibyo MUSHAKA, mbese cyane cyane NK'AMAGAMBO YATUGIRIRA NEZA KU MUBIRI, MU

BIKORWA SE, ibyo biradushimisha buri muni. Ariko rero KUBIKURIKIZA, ntabwo tujya tubigerageza.

- Iiii. Ndayazi.
- Ni ukubizirikana kenshi.
- Indirimbo: Nzasingiza Imana.
- Ndabyemeye.
- Ngiye kubiyemeza; ngiye kubitangira.
- NEMEYE INZIRA YOSE MUSHOBORA KUNYUZAMO, YABA IY'UBUBABARE CYANGWA IY'IBYISHIMO.
- Mwayinyeretse ku itariki 22/2 nako z'ukwa 1. Niho mbese mwashoboye kunsobanurira IBYEREKEYE UBUZIMA BWANJYE N'UKO NDI KWOSE.
- Ibyerekeye IGICE CY'IBYISHIMO NAKIBONYE AHANTU HATARI HANINI CYANE.
- Mwambwiye ngo UBUNGUBU URI MU BYISHIMO BY'ISI, ARIKO UMENTYE KO IGICE CYAWE ARI ICY'UBUBABARE.
- Munsobanurira neza ko MU BUBABARE ARIHO ROHO YANJYE **IROKOKA**, NDETSE NA ROHO Z'ISI YOSE, ROHO MWANSHINZE GUSABIRA NGO NIHO ZIROKOKA.
- Mwansezeranyije ko ngomba KWAKIRA IMIBABARO MUMPAYE N'IBYISHIMO MUMPAYE ARIKO CYANE CYANE NKAGERAGEZA KUMVA NEZA KO **URUKUNDO RURI MU MIBABARO**.
- Uko biba bimeze kwose, ntabwo nshobora kuyinubira.
- Mwambwiye ko MUZAJYA MUBINSEZERANYA MBERE KUGIRA NGO IGIHE BIMBAYEHO NO KUYA MBYINUBIRA.
- Abantu benshi bakomeje kumbaza impamvu ariko nkayibasobanurira, nkababwira ko MBABEREYE UMUBYEYI KURI ROHO ATARI KU MUBIRI.
- Ndacyayibuka yose, nimushaka mwoye kwongera kuyinyereka, kuko byatuma nongera kubabara kandi uyu muni ngomba kwishima.
- Akenshi UMUBABARO UBATURUTSEHO NTABWO UKUNDA KUMBABAZA CYANE, GUSA NKUNDA KUBABAZWA N'IMIBABARO ITURUTSE MU BANTU BO KU ISI. Kuko kenshi iba irimo amafuti menshi, iba ivugitse nabi, iza ku buryo bumeze nabi. umuntu rero ntashobora kuyakira ntamenya aho ayitangirira, cyangwa se ntashobora kugira integer zo kuyihanganira.
- Kubona ukuntu mukunda kuvuga ko KU ISI HARIHO UBUBABARE BWINSHI, KANDI KO NTA NA RIMWE BUZIGERA BUHASHIRA; AKENSHI UBUBABARE BUTURUKA MU BANTU, abahari rero ntibashobora kubwakira UKO MUBYIFUZA.

- Naho ububabare bubaturutseho, UMUNTU ABUBONAMO **URUKUNDO**, UMUNTU AKWUMVA KO MWASHATSE **KUMUGIRA UMWANA WANYU**, MWASHATSE KUMUNYUZA MU NZIRA MWANYUZE. Nk'uko mubyivugira yuko: INZIRA Y'UKURI ARI UBUBABARE.
- N'uko nyine ari UMURIMO NAHawe N'UMUNTU UTARI UW'ISI. IYIBA ARI UMUNTU WO KU ISI WAWUMPAYE NTABWO MBA NARAWEMEYE! KUBERA KO UBWO **BWITANGE BUKOMEYE**; UKWIYUMANGANYA KWA BURI GIHE, MBESE NO GUKORANA UMURAVA UWO MURIMO. Niyo mpamvu UMUNTU W'ISI ATAWUMVA VUBA, BABA BABIMUBWIYE AKUMVA KO ARI AMAFUTI CYANGWA SE UMURIMO UDASHYITSE.
- Uko mbabwira IYO BAWUSUZUGUYE ,ndavuga nti: USIBYE KUMENYA UMUNTU UMWE CYANGWA BABIRI, BAGUHAYE KUMENYA ISI YOSE BYAKUGENDEKERA BITE ? CYANGWA SE, NTI KO ROHO Yawe IKUNANIRA ARI IMWE GUSA, BAGUHAYE ROHO Z'ISI YOSE WABIGENZA UTE ?
- Tuzajya tubikora uko mubyifuza.
- Oya jyewe ntabwo ndabarambirwa.
- Niko tumera! MUBA ARI MWE MUTATURAMBIWE AKABA ARI TWE TUBARAMBIRWA! KUBONA MUZA MUDUKOSORA, MUTUBWIRA IBYADUKIZA, TUKABA ARI TWE TUBARAMBIRWA!!!
- Niyo mpamvu nabo bashidikanya; bakavuga ngo AHO MUGIYE NTA KINDI KIBARANGA KITARI IBITANGAZA. ariko jyewe nkababwira ko IBITANGAZA ATARI BYO BIBARANGA, AHUBWO MURANGWA N'IBIKORWA BYIZA.
- Barabimbajije kubera ko nakunze kubibasaba nti muzaduhe AMAZI Y'UMUGISHA, NTI KUGIRA NGO TUROKORE ROHO ZACU, mukambwira ko **MUTANGA ICYO MUSHATSE KANDI MUKAGITANGIRA IGIHE MUSHAKIYE**. JYEWE NARABYUMVISE ARIKO ABANDI NTABWO BABYUMVISE. Niyo mpamvu rero akenshi gushidikanya kudashira, bakavuga bati ni ukubeshya kubera ko BASABYE IKINTU NTIBAGIHABWE.
- Jye mbasobanurira ko IMANA IGUHA ICYO ISHATSE NTABWO IGUHA ICYO USHAKA.
- Nabibasobanuriye kenshi ko UTEGEREJE KUZEMEZWA N'IBITANGAZA, UWONGUWO ASIGAYE INYUMA.
- Kuko IGITANGAZA KIBAYE KIKARANGIRA, CYAJYANA N'UKO KWEMERA CYAZANYE.
- Tuzajya tubyibukirizwa mu gitabo gitagatifu cy'ivanjiri, cyane cyane NITUGIRA INEMA N'INGABIRE ZIBITUYOBORAHU.
- Ntabwo twigeze tubahamagara.
- Ntabwo twigeze tubibasaba.
- KUBARAMBIRWA ni uko turi ibicucu tutazi ubwenge.
- ===== Ntitwigeze tubagarura ngo mugire icyo mutubwira.

- NTA KINTU TUBAHEMBA USIBYE IMITIMA YACU YONYINE.
  - Ntabwo tubategeka usibye kubasaba.
  - Mwarabimbwiye ko DUSABA NABI, AKENSHI GUSABA KWACU KUBA ARI UGUTEGEKA. Aho mwabitubwiriye, abashoboye kubyumva sinzi niba barabitunganyije neza, ariko nanjye najyaga mbikora ngasaba kwumva ko ngomba gutegeka NGO IKINTU NIFUZA KIBE UWO MWANYA. Ariko kuva igihe nahinduriye, nahise numva ko MUTANGA ICYO MUSHAKA, NI NAYO MPAMVU NARETSE GUKOMEZA KUBASABA AMAZI.
  - Mwe mwatubwiye ko MU GUSABA KWACU, DUKWIYE KWICISHA BUGUFI, TUKIYOROSHYA, KANDI TUKABA TUBAFITIYE UBWIZERE, TUKABA TUBAFITIYE URUKUNDO.
  - Turishima iyo tubonye MUTUGOROYE, MUKATUBUZA IKIBI TWAKORAGA, MUKATUBWIRIZA ICYZA TUTAKORAGA.
  - Kugira ngo rero TWANGE UMUBIRI WACU, ntabwo byadushobokera. Nk'uko nababwiye kenshi ko ari wo twitayeho muri iyi si, tugomba kubona ko ari wo tugomba gushimisha, tukawukorera icyawunezeza. BIRARUHIJE RERO KUGIRA NGO TUWANGE, TUWUGIRIRE ICYAWUBABAZA, TUWUGIRIRE MBESE ICYATUMA UTANDUKANA NA ROHO.
  - Ubundi umuntu UFITE UMUBIRI UBABAYE, AKABA AFITE ROHO YISHIMYE, UWO NI UFITE INEMA N'INGABIRE YANYU.
  - Nta n'umwe uriho utababaye. Yaba umukene, ababajwe n'ubukene bwe. Yaba umukire, ababajwe n'ubukire bwe.
  - Nk'uko abantu benshi dukunda kwibeshya; tukabona umuntu wambaye neza, tukabona umuntu umerewe neza ku mubiri, tukavuga tuti GENDA WOVE WARAKIZE!!! ARI KURI ROHO ARI NO KU MUBIRI! Nyamara akenshi aba AKENNYE KURI ROHO ARIKO KU MUBIRI AKIZE. CYANGWA SE ABA AKENNYE KU MUBIRI NO KURI ROHO.
  - Akenshi kandi twibeshya tuvuga tuti, uriya se yabuzwa n'iki, ko atabura icyo kwambara, ko atabura icyo kurya. Ariko ntibumve ko afite AGAHINDA K'IBYO ATUNZE. AFITE UBWOBA KO BABIMWIBA, AFITE UBWOBA KO YABIBURA MU MWANYA UMWE. AFITE UBWOBA SE KO YAPFA MURI AKO KANYA CYANGWA SE N'IBINDI BYAGO AGIRIRA MU RWIHISHO.
- Umukene rero udafite n'icyo kwambara ugasanga niwe wibwira ko ababaye, kandi akwumva ko, mbese ariwe ufite AGAHINDA KAMUSHENGUYE, HABA ARI KURI ROHO CYANGWA SE KU MUBIRI. CYANGWA KU MUBIRI AKUMVA KO ARIHO AFITE AGAHINDA ARIKO KURI ROHO AKUMVA KO ANEZEREWE.
- Urebye koko nta n'umwe wabaho nta gahinda afite cyangwa se ibindi byago.
  - Ntawe.
  - Nta n'umwe wavuga ko yashyikiriye ijuru akiri muri iyi si!

- N'ubwo abantu dukunda kwibeshya tuvuga ko, uwishimye mu sni no mu ijuru yishima, uwababariye mu nsi no mu ijuru akaba ahababarira.
- **TWESE TURANGANA IMBERE YANYU, ARIKO IMBERE Y'ABANTU NTABWO TUNGANA.** Kuko ubungubu haza **IBICE** mu bantu, haza **UMWIRYANE**, haza **AMOKO**, mbese n'**AMADINI**, bikaba bitandukanye. Hakaba rero hatari **UBUMWE**. **IMBERE YANYU GUSA NIBWO TURESHYA.**
- **UWATUMYE DUTANDUKANA NTA WUNDI UTARI SHITANI; BAMWE BAKABA ABAWE, ABANDI BAKAYOBOKA SHITANI. BAMWE BAKUMVA IJAMBO RYawe, ABANDI BAKABA BARISUZUGURA.** Cyane cyane niyo iducamo ibice.
- Abumva ko **MWAJE KUYIDUKIZA NO KUTUBWIRA AMAGAMBO YAYITSINDA, NI BAKEYA CYANE.** Abenshi ni **ABAKOMEZA KWIKURURIRWA NAYO, BAKABA BAYUMVIRA.**
- Niho yibera ahandi nta n'ubwo ijya itirimuka ngo igende, nk'uko namwe tubabona mugiyeye.
- Kubera ko igice kinini ariyo ikunda kudutwara; ikaba idushukisha ibintu byinshi, ikaba idushukisha mbese ibintu byinshi bikaba., bigatuma dutandukana namwe, umuntu yakeka ko mutaba muri kumwe n'abantu.
- Twarabibonye.
- Mwatubwiye ko tugomba **GUKORESHA AMAGAMBO YANYU, NO GUKORESHA KANDI IBINTU BITAGATIFU.**
- Shitani iza ku mugaragaro ahari. Iza ku mugaragaro =====, ubundi ikunda kuza mu rwihisho, mu mwijima umuntu atabizi. Ikamutera gucumura umuntu atabizi.
- Aho shitani yagaragaye, buri wese ahaguruka kuyirwanya. N'undi wese ushoboye, uyibonye, agashobora kuyirukana. **ARIKO IDUTUYEMO IDUCUMUZA BURI MUNSI NTABWO TUJYA TUYIBONA.**
- Yego **IYO YATEYE UMUNTU ARUSHAHO GUSENGA NO KUBAGARUKIRA,** ariko rero ntabwo tujya tuyifuzwa.
- Twabihawe kuva kera. Gusa mujye mudufasha tubitunganye neza.
- Muratubwira ariko ntabwo twumva.
- **ICYO MWADUHA CYOSE CYADUSHIMISHA.**
- Biterwa n'uko **IFUNGURO RYA ROHO AKENSHI TUTAJYA TURYITAHO KUBERA KO TUT===== ICYO ARI CYO.**
- Kuri twebwe, ntacyo mwadukorerera kugira ngo tubakunde **KITARI UKUTUBWIRA IJAMBO RYATUGARURA MU NZIRA YANYU.** N'ubwo tutabyumva twese ariko **HARIHO ABO MWIHERA INGABIRE** kandi **BAKABA BASHAKA KUBUMVA, NO KUBAKURIKIRA.**



- Niyo mpamvu nkomeza gusabira isi, ngo MUJYE MUYIHA AMATWI YUMVE NEZA IJAMBO MUTUGEZAHO N'AMASO ABONE NEZA IBYO MUTWEREKA. Kandi mujye muduha N'UMUTIMA WO KUBAKUNDA, cyane cyane DUKUNDA INZIRA Y'URUKUNDO ARI BWO **BUBABARE**.
- Nubwo MUTWIBUTSA BWOSE mujye mumenya ko kuri iyi si hariho IBITURANGAZA, bituma twibagirwa IBYO MUTUBWIRA. Tugakomeza kwigumira mu BYONDO ari byo BYAHA.
- Isi tuyisabira kenshi; SI JYE JYENYINE MWAHAYE KUYISABIRA HARI N'ABANDI BENSHI CYANE BASHINZWE KUYISABIRA. Mujye mubatera imbaraga mubahe kwihanagana mubahate ubutwari. Kandi mukomeze kubamurikira INZIRA IBAGANA.
- Buri muntu wese kandi akeneye kuyoborwa namwe n'ubwo turi benshi tunangiye umutima, ariko mujye muturokora tutabizi; mutwereke ko ari MWE MUSHOBOYE BYOSE, KO ARI MWE MUTURWANAHO AMANYWA N'IJORO.
- Indirimbo: Mana yandemye nyitaho iteka.
- Ndabyemeye.
- Uko byaba biri kwose ngomba kubyemera.
- Amagambo mwambwiye ni MENSHI, n'ibyo mwankoreye ni BYINSHI.
- Ariko iryo jambo mwongeyeho ngo =====, ku byo mwambwiye no ku byo mwanyeretse n' uko nzabibazwa. Ibyo ngibyo nari mbizi nk'uko mwakunze kubimbwira kenshi.
- Ndabizi ko ===== ariko rero, icyo tubasaba, ari UBUNGUBU TUBA TURI KUMWE cyangwa se ubwo muba mwadusezereye, icyo tubasaba ni UMUTIMA UKENEYE IRYO JAMBO RYANYU
- Ndababona.
- Ko nduzi se..., nduzi umwanya umwe MUSA N'ABANTU BAFITE IKIBABABAJE, ariko undi mwanya nkabona NTA KIBABABAJE.
- NDABABONA HOSE, USIBYE UWO MWENDA WO MU MUTWE GUSA, NIWO NTABONA IMBERE, ARIKO RERO UKO NABABONAGA NDUZI NTA KINDI MWONGEYEHU CYANGWA NGO UGABANYEHO.
- ICYAKORA ICYO NTABAVUGAGAHO KANDI GIHARI, NI UKUGURU KUMWE, KURIHO AMANO NTABONAGA, ARIKO UYU MUNSI NKABA NKUBONA.
- =====
- Bitewe n'uko mwambwiye KO NTASHOBORA KUBAVUGA MUTABISHATSE; AKENSHI NK'IYO NGIYE KUVUGA UKUNTU MUSA, BIRANYOBERA RWOSE, NKABURA AHO NABEREKEZA. USIBYE KO MVUGA NTI: **"MURI BEZA KURUTA ABANTU BOSE BARI KU ISI"!!!**

- Nk'abantu benshi kubera ko ku isi dukunda KUBONA AMASHUSHO YANYU AFITE IBARA RY'ABERA, TWUMVA KO ARI UKO MUSA. BURI WESE AKUMVA KO MURI **ABAZUNGU!!!**
- Akenshi ni uko bidushimisha; aho kugira ngo DUHURIRE YENDA KUBAZA ICYO **MWAJE KUTUGEZAHO**, icyo **MWAJE MWIFUZA**, akenshi duhurira kubaza ngo MUSA GUTE ? MWAMBAYE GUTE ? MBESE MUMEZE GUTE ? Ariko abenshi, bakunda KWIBAGIRWA KUBAZA **ICYABAZANYE**. Igihe kinini rero kuri benshi, usanga bashaka KUMENYA UKO MUSA!!!
- Mbese abantu benshi bakunda kumbaza, bagira bati: Twebwe twarose mu nzozi gutya, yambaye gutya; ese nawe niko umubona ? Nkabahakanira.
- Ikindi kibazo ni uko hari abantu benshi cyane bakunda kuza kuturotorera inzozo zabo bavuga ngo babwiwe iki n'iki mu nzozi, beretswe iki n'iki mu nzozi. Ngo nitubasobanurire, cyangwa se ngo tuzababarize. Kubera ko rero muba mwabiyeretse, cyangwa mukagira icyo mubabwira, mujye munahita mubagaragariza ko ari mwebwe, batiriwe baza kutubaza.
- Iiii.
- Ni umwenda w'ubururu, ariko ntabwo ari nk'ubururu bwacu dusanganywe.
- Iiii.
- Iyo kenshi mwakunze kunyiyereka mwambaye.
- =====
- Ese ko akenshi, KU MASHUSHO TUBONA YANYU UGABA INEMA KO AKENSHI HARI IBIBA BISHOKA KU NTOKI, BIMAMUKA, BAKAVUGA NGO NI INEMA, ARIKO MWABA MUNYIYERETSE, MWIFASHE NK'UKO TUBABONA MU MASHUSHO, SIMBE MBIBONA NI UKUBERA IKI ? KANDI MWARAMBWIYE KO BISOBANURA KO **MUGABA INEMA!!!**
- Nari naribajije impamvu ntajya mbibona ku ntoki zanyu; kandi =====.
- Twabitegereje uko bishobotse kwose, ntacyo mwakunze =====.
- Ntabwo nabemerera ko kuba mbitekereza, kuba mbareba, no kuba mbumva igihe kinini, ko ari byo byatuma mbakunda cyangwa se mbaha icyubahiro, kubera ko intege zanjye na kamere yanjye ari yo ituma ntatunganya ibingomba.  
Byari bikwiye ko kuba narababonye, nkanabumva, byari bikwiye ko ngomba kububaha kandi nkabakunda, nkanabakorera igihe cyose nta kwinuba. Ariko kubera kamere indimo, niyo ituma ngira ukwinuba.
- KUBA BYARABAZANYE, MUKABA MWARAJE KUTUVUGURURA, NO KUTWIBUTSA, BYARI BIKWIYE KO TWABAKUNDIRA IYO NEZA, N'UWO MUTIMA MWIZA MWABIKORANYE, N'URWO RUKUNDO MUDUFITIYE. ARIKO KUBERA KO TUTAZI UBWENGE, TUKABA DUFITE KAMERE MUNTU IHORA MU CYAHA, NTABWO TUJYA TUBYIBAZA.

- Kuba ariho.., umuntu ariho azi ubwenge, akaba agenda ntacyo abuze ku mubiri, byari bikwiye ko akwiriye KUBAGIRIRA URUKUNDO AKABASHIMIRA IYO NEZA YAGIRIWE.
- Kuba se umuntu yiriwe, kandi akaramuka, byari bikwiye ko yabashimira, akamenya KO MUMUFITIYE URUKUNDO. Ariko ntabwo bidushobokera.
- Murakoze ubwo MUKOMEZA KUBITUBWIRIZA, NIBA MUBONA ARI IBIZAROKORA ROHO ZACU, AKABA ARI BYO BIZATUMA DUKOMEZA KUBANA NAMWE, BIKABA ARI BYO BIZATUMA TUBA ABANA BANYU IGIHE CYOSE, MUJYE MUBIDUFA-SHAMO, TUBITUNGANYE UKO MUBYIFUZA.
- Ndabizi ko GUSENGA KENSHI BITUNANIRA, cyangwa se tukaba DUSENGA NABI, igihe kini cyikaba icy'UBURANGARE cyangwa icy'UBURYARYA. Mujye mubidufashamo, mudutere imbaraga, muduhe gukomera, no gukomeza umurimo twiyemeje wo GUSENGA.
- Buri wese mujye mumuha umutima wo GUSENGA ARI BAMWE BAVUGA KO ARI NTA MWANYA BAFITE, IGIHE BARI MU KAZI, AKAZI KABO BAJYE **BAKAGIRA ISENGESHO**, MBESE UMURIMO UWO ARI WO WOSE **UBE ISENGESHO**. BITYO BIZATUME TURANGIZA NEZA ICYO MUTWIFUZAHO.
- Ariko hari n'abandi benshi, bitewe n'uko shitani ikomeza kutuguma iruhande, ikaba idutera gucumura, ikaba idutera GUTANDUKANA NAMWE; abantu batoteza abandi, cyane cyane mu murimo wo GUSENGA, mu murimo wo KUBAKORERA, n'uwo KWIYEMEZA KUBAKURIKIRA, mujye mubafasha mubahindure, mubereke ko NTA KINDI CY'INGENZI KITARI IMANA.
- TUGOMBA KUBASABIRA kubera ko, igihe turi kumwe numva nababwira IBYIFUZO BYANJYE BYOSE. Kandi buri wese aba abatura icyo yifuza. Ibyo ni ibyifuzo byanjye mba mfite.
- NUBWO MUDUSABA TUKABIMA, ARIKO TWEBWE MUJYE MUDUFASHA, MUDUHE.
- NUBWO MUDUSABA UMUTIMA WACU **WONYINE** KUWUTANGA BIRARUHIJE!!! Niyo mpamvu mugomba kudufasha, mukaduha imbaraga, mukatwumvisha ko =====, TURIHO KUBERA MWEBWE, mukatwumvisha ko IGIHE CYOSE TUGOMBA KUBA MURI MWEBWE.
- Mukadutsindira ibintu byose bituma DUTANDUKANA NAMWE. Cyane cyane ibyo shitani idushukisha.
- Ndabizi yuko, igihe dusaba, dushyiraho UBURYARYA, cyangwa se dushyiraho UBURAMBIRWE. Ahanini tubiterwa n'amashitani, tugasaba ibintu bidashobotse. KANDI IYO DUSABYE SHITANI IGIHE KININI TURAHABWA, NDETSE TUGAHABWA N'IBYO TUTASABYE, BYOSE BIGATUMA TUYIKUNDA.
- Turabizi ko shitani ICYAYO ARI UKUGABA IBITARI IBYAYO! ARIKO RERO IGIHE TUMAZE GUSHYIKIRA NTABWO TUBYIBAZA!!!
- Kubera rero ko MWEBWE UBASABA ATARAMBIRWA, ntabwo ABAZABIZERA.., NTABWO BAZABA BENSHI KURI IYI SI, UKUBAHO KWACU KWIGANJEMO KURAMBIRWA.

- Ntabwo dukwiriye KURAMBIRWA.
- Ntabwo nzashobora kubyinubira, cyangwa se undi uwo ari we wese, WIZEYE GUFASHWA NAMWE, akaba yizeye IMBARAGA ZANYU, akaba AKENEYE KUBA MURI MWEBWE, NTABWO ASHOBORA KWINUBIRA UBUBABARE. KANDI NTABWO ASHOBORA NO GUTWARWA N'IBYISHIMO BYO MURI IYI SI.
- Ku butumwa rero muduhamagarira bwo KWAKIRA IBI BYIZA BYOSE MUDUHA, TURABWEMEYE. UWO ARI WE WESE MUZIFUZAHO KO YAGIRA UBUBABARE, KUGIRA NGO ARUSHEHO KWEGERANA NAMWE, KUGIRA NGO ARUSHEHO KWITA KURI ROHO YE, MUJYE MUMUHATA IMBARAGA, ASHOBORA KUBITUNGANYA UKO MUBYIFUZA.
- Iteka dukunda kwibeshya tukavuga ko, igihe twabonanye namwe, cyangwa igihe twumvise ijambo ryanyu, nta na rimwe dushobora guhura n'ikintu cyatubabaza. Bityo twaba duhuye na kiriya bikadutera kugwa.
- Kubera ko ARI BWO NZABONERAMO IBYISHIMO ngomba kubwiyemeza.
- Kubera ko ARI BWO BUZASHOBORA KUROKORA ROHO WIFUZA KO ZAGARUKA MU NZIRA Zawe, ngomba kubwemera.
- Kubera ko ARI BWO NZIRA Y'UKURI ITUGEZA KU MANA, ngomba kubwemera.
- Kubera ko ARI BWO BWATUMYE MUMPAMAGARA MUKABA MWARIFUJE KO NABABERA INTUMWA NO KUBARANGIRIZA IMIRIMO MWANGEJEJEHO, ngomba kubwemera.
- Kubera ko ARI BWO BUZANDOKORA MU RUPFU RW'ITEKA, ngomba kubwemera.
- N'UNDI WESE UBIKWIYE KANDI AKABIZERA KO AZAJYA AFASHWA NAMWE, AGATIZWA IMBARAGA NAMWE, **ASHOBORA KUBYIYEMEZA**.
- Mujye muyiha UKWEMERA, muyihe kandi UBWIZERE, muyihate URUKUNDO, muyihe GUKORA bakorera isi, ariko cyane cyane bakorera n'IJURU, KUKO ARI YO MAHEREZO Y'UBUZIMA BWABO.

Cyane cyane mujye mubaha umutima, mubumvishe neza ko UBUZIMA BWABO BUTAGOMBA KURANGIRIRA MURI IYI SI GUSA, bumve ko BUGIZWE NA ROHO N'UMUBIRI. Kandi muyirebe, kuko mureba cyane mukaba mureba imitima, mukaba mureba ukuntu dufata roho yacu.

[ Nk'uko muvuga muti: "NTABWO TWAZANYWE NO GUHINDURA IMIBIRI, AHUBWO TWAZANYWE NO GUHINDURA **ROHO ZANYU**".

- Turabibuka.
- Nabasabye kenshi ko mwajya muvuga, mbese (ku isi ?) bagashobora kuba bakwumva, ariko kubera ko BYABAYE UGUSHAKA KWANJYE, MUKABA MWARABIKOZE UKO MUBISHAKA, MUJYE MUKORESHA UBUNDI BURYO BWO KUZATUMA BUMVA NEZA IBYO MUTUBWIRA.

- Ahari abenshi bagize ngo MUSHYIRAHO AGAHATO! Niyo mpamvu bategereje umuntu WABAYOBORA, AKABAKUBITA, cyangwa se umuntu wababwiriza ngo ababwirishe IJISHO RIKAZE, BARAMUBUZE NIYO MPAMVU BOSE BIGARAMIYE.
- Uko mwabimbwiye niko ngerageza kubikora.
- Iiii. Ndabyemera byose.
- Muzabafashe, ubaha UBUTUMWA BWO KUBAJIJURA, NO KWOGEZA UBUTUMWA BWANYU, mujye mubaha amatwi yo kwumva.
- Nk’uko mubyivugira, muri: “NTA NA RIMWE ISI ISHOBORA KUBA PARADIZO”, ariko mujye mudufasha tugerageze uko dushoboye; dushobore kubatunganira tukiri muri iyi si, KUKO IGIHE TUZABA TUBUZE UMUBIRI WACU NTA KUNDI KUBAKORERA.
- *Indirimbo: Mariya mwiza Nyina wa Jambo  
Mariya mwiza Nyina wa twese  
Ganza, ganza, gaba ubugingo,  
Ni wowe mwiza utagira inenge.*
- Nsabiye isi yose, ngo ushobore KUYIHA UBWUMVIKANE, kugira ngo ushobore KUYIHA URUKUNDO, kugira ngo ushobore KUYIHA AMAHORU.
- Ndayisabira cyane cyane ko mwayiha kumva neza INZIRA IBAGANA, ko mwayiha UMUTIMA USUKUYE, UMUTIMA WICISHA BUGUFI, n’UMUTIMA WIYOROSHYA. UMUTIMA UFITE URUKUNDO.
- Ndasabira abantu bose, ngo ubahe UKWEMERA GUSHYITSE, ngo ubahe UBWIZERE, cyane cyane KWIZERA KO IGIHE CYOSE **MURI KUMWE**.
- Ndasabira abantu bashinzwe KWAMAMAZA UBUTUMWA BWANYU, ngo bajye babikorana URUKUNDO, UBWIYOROSHYE N’UBWICISHE BUGUFI.
- Ndasabira abantu bose BATEGEKWA, ngo bajye bumva neza AMATEGEKO ARIHO, bashobore KUYATUNGANYA.
- Ndasabira kandi n’ABATEGEKA, ngo bajye BATEGEKA ABANTU NEZA, nta kubashyiraho AMANANIZA. Bajye BAKORESHA UKURI IMBERE YAWE.
- Ndasabira ABATOYA, ngo bajye bamenya KUMVIRA ABAKURU BABO. Ndasabira kandi UMUTIMA WUZUYE URUKUNDO, umutima..., CYANE CYANE UMUTIMA UBAGANA.
- Ndasabira n’ABAKURU ngo bajye bashobora KUBERA ABANDI URUGERO, BAHE BARUMUNA BABO URUGERO RUKWIYE.  
Twese abana bawe, turagusaba UMUTIMA UBAGOROROKEYE NK’UKO MUBYIFUZA.  
Tugusabye twese UKO TURI MURI IYI SI, UMUTIMA WO KWICISHA BUGUFI N’UBWIYOROSHYE cyane cyane UMUTIMA WAKIRA UBUTUMWA BWANYU UKO MUBYIFUZA.
- =====

- (Nabizirikanaga).
- Kubera ===== mumpamagarira, muzamfashe mumpe UKWIHANGANA, mumpe n'IMBARAGA. Ariko kandi si jye jyenyine ubyisabira. N'aho NZABA NDI uzabahe UKWIHANGANA, mubahe n'IMBARAGA bashobore kumva ko IBYO MWIFUZA BYOSE TUGOMBA KUBYEMERA.
- Naho KUGIRA AHO NJYA HO, MUZAKORE UKO MUBISHATSE, n'ubundi mwari mwampaye uruhushya ntabikekaga. Muzakore uko mubishaka.
- Igice cy'ibyishimo mwanyeretse....
- Biterwa n'uko dukunda kwibagirwa =====
- Byose ndabyemera.
- Ntacyo mfite na kimwe guhakana, kandi mwifuza ko (bitambaho).
- Nemeye kuva kera KUBA IGIKORESHO CYANYU.
- ===== twese twaba ibikoresho byanyu.
- *Amasengesho: -Isengesho ryo kwicuza ibyaha,*
  - *Ndakuramutsa Mawe,*
  - *Dawe uri mu ijuru,*
  - *Hubahwe.*
- Ubushize uko mwatanze UMUGISHA ntabwo bashoboye gusobanukirwa.
- Bitewe n'uko bari baramenyereye UMUGISHA W'AMAZI kandi bakamenyera ko MUDUKORESHA; uw'ubushize mukaba MWARAWITANGIYE MWENYINE; ngo bagize ngo muriho MURASHAKASHAKA UMUNYABYAHA.
- Naravuze nti: "YABA YARIHO ASHAKA UMUNYABYAHA NTI ABA YARAHEREYE KU MURONGO, AKABARANGIZA".
- Kuko kenshi nk'umuntu MWANYEREKAGA GUSUKAHO NK'AMAZI, BAMWITAGA UMUNYABYAHA, ===== bakumva ko ari intungane.
- Ubwo rero mwabitangiye iby'ubundi MUTANKORESHEJE, NTABWO BASHOBOYE GUSOBANUKIRWA KO MWAJE MUBATAMBAGIRAMO MUBAHA UMUGISHA.
- Ntabwo byamvunnye, n'UYU MUNSI MUBE ARI MWE MUWITANGIRA.
- Nibyo bizatuma, kandi bikabaha no KWUMVA KO ATRI TWE DUTANGA UMUGISHA, AHUBWO ARI MWEBWE.
- =====
- Iiii.
- icyo gihe nta kindi nakoze kitari ukugenda ndirimba, nta kindi.

- Ahari n'uyu muni NIMWONGERA KUBIKORA BARAGIRA NGO MURASHAKA UMUNYABYAHA.

- =====

- Nimudusezeraho nta kindi( tuzajya twibuka kitari umugisha).

- ===== (UBWO NATARIYA AMANUKA KU MABARAZA YA RWA RUTARA BABONEKERERWAGAHO, AYOBOWE KANDI AKURIKIYE UMUBYEYI WADUTAMBAGIRAGAMO ADUHA UMUGISHA).

- *Indirimbo Natariya yarimbaga muri iryo tambagira:*

- *Tugutaramire we Mariya,*
- *Dore Umubyeyi Bikira Mariya,*
- *Mwamikazi w'isi n'ijuru,*
- *Mariya mwiza Mubikira,*
- *Nzasingiza Imana,*
- =====

- ===== usibye ko tutamenya kuwakira neza

- =====  
=====

- Aho muzaba muri hose, n'igihe muri kumwe natwe ===== mujye muwuduha.

- N'uduha n'umugisha wonyine mukaba ari wo muduha nawo WABA UDUHAGIJE, kuko NTA KINTU KIBAKOMOKAHO KIBA GITOYA.

- Biterwa n'uko UMUBIRI USHAKA KWIGANZA KURI ROHO, niyo mpamvu twumva ko IKINTU GISHIMISHIJE UMUBIRI KIRUTA KURE IGISHIMISHIJE ROHO.

- Muje mukatuzanira nk'ibintu byo GUHA UMUBIRI WACU kugira ngo UNEZERWE, NTA N'UMWE UTABAKURIKIRA. Kandi NTA N'UMWE UTABATEGA AMATWI. Ariko kubera ko MUTUZANIRA IKINEZEZA ROHO YACU, MUBONA ABABAKURIKIRA KO ARIBO BAKEYA, N'ABUMVA AKAMARO K'IBYO NIBO BAKEYA.

- Ubu nk'UYU MUGISHA MUDUHAYE, IYO MUSA N'UNYANYAGIZA NK'IBIRYO, BURI WESE YARI KUNEZERWA. Kuko MWARI GUSANGA DUCURANWA, HAKAGIRA ABABIBURA, kubera ko buri muntu =====.

- Kubera ko ARI IKINTU KITAGARAGARA MU MASO YACU, kikaba ari IKIDUFITIYE AKAMARO KURI ROHO, ABABONA KO UMUBIRI UDAFITE AKAMARO NIBO BAKE.

- N'ubu igihe tumaranye, IYO MUSA NK'ABAZANA IBYO KWIRIRA, mbese cyangwa IBYASHIMISHA UMUBIRI WACU, UBUNGUBU UBA USANGA BURI WESE AGUSINGIZA!!! BURI WESE AGUSHIMIRA!!! BURI WESE AKUVUGA! MBESE BURI WESE ANEJEJWE N'UKO WAJE!!!

Ariko kubera ko ARI IFUNGURO RYA ROHO ZACU MWATUZANIYE, MURABONA KO ABABITAYEHO, ABABUMVA, ABABAKUNDA, ABABASHIMIRA, NIBO BAKEYA.

- Ntabwo ari mwe =====.
- =====  
=====
- Kandi mujye ===== tumenye ko UGUSHAKA KWANYU, KO ARI KO TUGOMBA GUKURIKIRA IGIHE CYOSE, ibyifuzo byacu dufite, nubwo byaba bitubabaje bwose, tujye tumenya KWISHYIRA MU MABOKO YANYU tumenye ko =====.
- Buri wese ntakagire ukwiheba cyane, cyangwa ngo atekereze IKIZAMUTUNGA EJO cyangwa se ICYO AZAMBARA EJOBUNDI, mbese agahangayikira UBUZIMA BWE BURI IMBERE. Buri wese mujye mumuha UMUTIMA WUMVA KO NTACYO AGOMBA KUBURA IGIHE ARI KUMWE NAMWE.
- Murakoze, MUKOMEZE KUZA KUTWIBUTSA, cyane cyane IBYO MWIFUJIJE MU MINSI YAHISE; NO KUDUKOSORA MUTWEREKA INZIRA Y'UKURI ARI YO NZIRA IBAGANA.
- Nk'uko wivugiye uti: KENSHI TUJYE TUZA TUGUSANGA KUKO ARI WOVE NZIRA NZIZA Y'UMWANA WAVE WIGIZE UMUNTU.
- UYU MUGISHA MUDUHAYE, UDUKOMEZE, KANDI UDUTERE IMBARAGA ZO KURANGIZA IBYO MUTWIFUZAHO.
- Ko numvise se munsezeranya inzira y'UBUBABARE hari ubwo nzongera kwakira ngo nzagire ibibazo byerekeye ubuzima nari mfite ?
- =====
- ===== ku yihe tariki ?
- ===== muzayimenyesha! Buri gihe ni uko mukunda kumbwira!
- Ariko se kuki mudakunda kubimbwira ?
- Ntacyo bitwaye, kandi kubera ko ARICYO KIFUZO MUFITE, UBWO NICYO GITUNGANYE.
- ===== Mujye mubikora uko mubishatse.
- =====  
=====
- Kuri iyi si =====.
- *Amasengesho:- Bikira Mariya Nyirimpuhwe,*
- *Mariya utasamanywe icyaha (gatatu)*
- *Ku izina rya Patri.....*
- =====



– *Indirimbo: Ndi uwawe Bikira Mariya*  
*Ndi uwawe ungenze uko ushaka*  
*Ndi uwawe, ndi uwawe.*  
*(IBITERO BYOSE)*

*(BIRANGIRIYE AHA SAA KUMI N'IMWE N'IMINOTA 41).*